

ITEKA RYA MINISITIRI  
N°001/MINEDUC/2013 RYO KUWA 15/11/2013  
RIGENA IBISABWA ISHURI RIKURU  
RYIGENGA KUGIRA NGO RYEMERERWE  
GUTANGIRA GUKORA, KUZAMURA  
ICYICIRO CY'INYIGISHO, GUTANGIZA  
KOLEJI, ISHURI, ISHAMI CYANGWA  
IKIGO CY'UBUSHAKASHATSI  
KIRISHAMIKIYEHO

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Ibisabwa ishuri rikuru ryigenga kugira ngo ryemererwe gutangira gukora

Ingingo ya 3: Ibisabwa ishuri rikuru ryigenga ryemererwe gutangira gukora kugira ngo ritange impamyabumenyi bwa mbere

Ingingo ya 4: Ibisabwa ishuri rikuru ryigenga kugirango ryemererwe kuzamura icyiciro cy'inyigisho

Ingingo ya 5: Ibisabwa Ishuri rikuru ryigenga kugira ngo ryemererwe gutangiza ishuri, koleji cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi kirishamikiyeho

Ingingo ya 6: Ibisabwa Ishuri rikuru ryo mu mahanga risaba gufungura ishami mu Rwanda

Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo ya 8: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

MINISTERIAL ORDER  
N°001/MINEDUC/2013 OF 15/11/2013  
DETERMINING THE CONDITIONS FOR  
GRANTING ACCREDITATION TO A  
PRIVATE INSTITUTION OF HIGHER  
LEARNING, UPGRADING THE LEVEL OF  
TEACHING, OPENING A COLLEGE, A  
SCHOOL, A FACULTY OR AN  
AFFILIATED RESEARCH INSTITUTE

TABLE OF CONTENTS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Conditions for a private institution of higher learning to acquire accreditation

Article 3: Conditions for a private institution of higher learning accredited to issue its first exit awards

Article 4: Conditions for a private institution of higher learning to upgrade a level of teaching

Article 5: Conditions for a private institution of higher learning to establish a college, a school, a faculty or an affiliated research institute

Article 6: Conditions for a foreign institution of higher learning to establish a campus in Rwanda

Article 7: Repealing provision

Article 8: Commencement

ARRETE MINISTERIEL  
N°001/MINEDUC/2013 DU 15/11/2013  
DETERMINANT LES CONDITIONS  
D'ACCREDITATION D'UNE INSTITUTION  
PRIVEE D'ENSEIGNEMENT SUPERIEUR,  
DE REHAUSSER LE NIVEAU  
D'ENSEIGNEMENT, CREER UN  
COLLEGE, UNE ECOLE, UNE FACULTE  
OU UN INSTITUT DE RECHERCHE  
AFFILIE

TABLE DES MATIERES

Article premier : Objet du présent arrêté

Article 2: Conditions d'accréditation d'une institution privée d'enseignement supérieur

Article 3: Conditions pour une institution privée d'enseignement supérieur accrédité pour délivrer ses premiers diplômes

Article 4: Conditions pour une institution privée d'enseignement supérieur de rehausser le niveau d'enseignement

Article 5: Conditions pour une institution privée d'enseignement supérieur de créer un collège, une école, une faculté ou un institut de recherche affilié

Article 6: Conditions pour une institution étrangère d'enseignement supérieur d'ouvrir un campus au Rwanda

Article 7 : Disposition Abrogatoire

Article 8: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI  
N°001/MINEDUC/2013 RYO KUWA 15/11/2013  
RIGENA IBISABWA ISHURI RIKURU  
RYIGENGA KUGIRA NGO RYEMERERWE  
GUTANGIRA GUKORA, KUZAMURA  
ICYICIRO CY'INYIGISHO, GUTANGIZA  
KOLEJI, ISHURI, ISHAMI CYANGWA  
IKIGO CY'UBUSHAKASHATSI  
KIRISHAMIKIYEHO**

**Minisitiri w'Uburezi;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 40, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 27/2013 ryo ku wa 24/05/2013 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere by'amashuri makuru, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 10 n'iya 15;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 11/09/2013 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena ibisabwa ishuri rikuru ryigenga kugira ngo ryemererwe gutangira gukora, kuzamura icyiciro cy'inyigisho, gutangiza kolejji, ishuri, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi kirishamikiyeho.

**MINISTERIAL ORDER  
N°001/MINEDUC/2013 OF 15/11/2013  
DETERMINING THE CONDITIONS FOR  
GRANTING ACCREDITATION TO A  
PRIVATE INSTITUTION OF HIGHER  
LEARNING, UPGRADING THE LEVEL OF  
TEACHING, OPENING A COLLEGE, A  
SCHOOL, A FACULTY OR AN  
AFFILIATED RESEARCH INSTITUTE**

**The Minister of Education;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 40, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 27/2013 of 24/05/2013 governing the organisation and functioning of higher education, especially in Articles 10 and 15;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 11/09/2013 ;

**HEREBY ORDERS:**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the conditions for granting accreditation to a private institution of higher learning, upgrading the level of teaching, opening a college, a school, a faculty or an affiliated research institute.

**ARRETE MINISTERIEL  
N°001/MINEDUC/2013 DU 15/11/2013  
DETERMINANT LES CONDITIONS  
D'ACCREDITATION D'UNE INSTITUTION  
PRIVEE D'ENSEIGNEMENT SUPERIEUR,  
DE REHAUSSER LE NIVEAU  
D'ENSEIGNEMENT, CREER UN  
COLLEGE, UNE ECOLE, UNE FACULTE  
OU UN INSTITUT DE RECHERCHE  
AFFILIE**

**Le Ministre de l'Education;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 40, 120, 121 et 201 ;

Vu la Loi n° 27/2013 du 24/05/2013 portant organisation et fonctionnement de l'enseignement supérieur, spécialement en ses articles 10 et 15;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministre, en sa séance du 11/09/2013;

**ARRETE:**

**Article premier: Objet du présent l'arrêté**

Le présent arrêté détermine les conditions d'accréditation d'une institution d'enseignement supérieur privée, de rehausser le niveau d'enseignement, de créer un collège, une école, une faculté ou un institut de recherche affilié.

**Ingingo ya 2: Ibisabwa ishuri rikuru ryigenga kugira ngo ryemererwe gutangira gukora**

Kugira ngo ishuri rikuru ryigenga ryemererwe gutangira gukora, nyir'ishuri abisaba mu nyandiko Minisitiri ufite Amashuri Makuru mu nshingano ze.

Ibaruwa isaba ko ishuri rikuru ryigenga ryemererwa gutangira gukora iherekezwa n'inyandiko zikurikira:

- 1° umwirondoro wa nyir'ishuri mu gihe ishuri rikuru rishaka gushingwa n'umuntu ku giti cye cyangwa icyemezo cy'ubuzimagatozi mu gihe rishakwa gushingwa n'umuryango;
- 2° urutonde rw'abarimu, abakozi bo mu buyobozi n'abo mu birebana na tekini baboraho rugaragaza impamyabumenyi n'impamyabushobozi zabo, n'amabaruwa agaragaza ubushake bwabo bwo gukora;
- 3° inyandiko irambuye igaragaza izina, icyicaro gikuru cy'ishuri, ubutaka, inyubako n'ibikoresho byimukanwa harimo ibijyanye n'inyigisho ziteganywa gutangwa n'iryo shuri rikuru;
- 4° inyandiko irambuye igaragaza ibisabwa kugira ngo abanyeshuri bemererwa kwiga muri buri bwoko bw'inyigisho zizatangirwa muri iryo shuri rikuru;

**Article 2: Conditions for a private institution of higher learning to acquire accreditation**

The request for accreditation of a private institution of higher learning shall be made in writing to the Minister in charge of higher education by the owner of the institution.

The application letter for accreditation of a private institution of higher learning shall be accompanied by the following documents:

- 1° identification of the owner when he/she is a physical person or a certificate of legal personality when it is a legal entity;
- 2° a list of full time academic, administrative and technical staff indicating their qualifications and letters of consent for their intent to be employed;
- 3° a detailed document describing the name of the institution, head office, land, buildings and movable property including those related to the programmes to be offered by the higher learning institution;
- 4° a detailed document on the conditions of admission of students in each programme to be offered by the institution;

**Article 2: Conditions d'accréditation d'une institution d'enseignement supérieur privée**

La demande d'accréditation d'une institution d'enseignement supérieur privée se fait par écrit adressée au Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions, par son propriétaire de l'institution.

La lettre de demande d'accréditation d'une institution d'enseignement supérieur privée est accompagnée des documents suivants:

- 1° l'identification du propriétaire, lorsque celui-ci est une personne physique, ou un certificat de personnalité juridique lorsque il s'agit d'une personne morale ;
- 2° la liste des membres du personnel enseignant, administratif et technique ainsi que leurs qualifications et des lettres indiquant leur consentement d'être employés ;
- 3° un document détaillé indiquant le nom, le siège, la propriété foncière, les bâtiments, les biens meubles y compris ceux relatifs aux programmes à dispenser par cette institution d'enseignement supérieur;
- 4° un document détaillé sur les conditions d'admission des étudiants dans chaque programme d'enseignement qui sera dispensé dans cette institution ;

*Official Gazette n°51 of 23 December 2013*

- |                                                                                           |                                                                                             |                                                                                                                 |
|-------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 5° umubare w'abanyeshuri ishuri riteganya kwakira n'ibyciro ishuri riteganya gutangirana; | 5° an estimate number of expected students and expected teaching levels of the institution; | 5° l'estimation du nombre d'étudiants prévu et les cycles d'enseignement initialement prévus ;                  |
| 6° inyandiko igararaza ingengo y'imari ishuri ritangiranye;                               | 6° a document indicating the initial annual budget;                                         | 6° un document spécifiant le budget annuel initial de l'institution ;                                           |
| 7° indi nyandiko yose yasabwa na Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze.        | 7° any other document that may be required by the Minister in charge of higher education.   | 7° tout autre document pouvant être exigé par le Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions. |

**Ingingo ya 3: Ibisabwa ishuri rikuru ryigenga ryemerewe gutangira gukora kugira ngo ritange impamyabumenyi bwa mbere**

Ishuri rikuru ryigenga ryemerewe gutangira gukora, rikorerwa isuzumamikorere n'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru (HEC), umwaka umwe mbere y'uko ritanga impamyabumenyi ku nshuro ya mbere.

Iyo raporo y'isuzumamikorere igaragaje ko ishuri rikuru ryigenga ryifuza gutanga impamyabumenyi bwa mbere, ritubahirije ibiteganywa n'Itegeko n° 27/2013 ryo ku wa 24/05/2013 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere by'amashuri makuru, mu ngingo yaryo ya 18, ishuri rikuru rihagarikwa by'agateganyo hamwe n'itangwa ry'impamyabumenyi riteganya gutanga.

**Ingingo ya 4: Ibisabwa ishuri rikuru ryigenga kugira ngo ryemererwe kuzamura icyiciro cy'inyigisho**

Kugira ngo ishuri rikuru ryigenga ryemererwe

**Article 3: Conditions for a private institution of higher learning accredited to issue its first exit awards**

A private institution of higher learning granted an operating license shall undergo an overall assessment of its performance by Higher Education Council (HEC) a year prior to its level of issuing its first exit awards.

If the overall assessment of the institution's performance indicates failure of the institution's application of the Law n° 27/2013 of 24/05/2013 governing the organization and functioning of higher education, in Article 18, the institution of higher learning shall be suspended from its operation and issuing of the proposed exit awards.

**Article 4: Conditions for a private institution of higher learning to upgrade the level of teaching**

The request for upgrading a level of teaching shall

**Article 3: Conditions pour une institution privée d'enseignement supérieur accrédité pour délivrer les diplômes pour la première fois**

Une institution d'enseignement supérieur privée ayant obtenu l'autorisation d'ouverture, doit être soumise à l'audit du Haut Conseil de l'Enseignement Supérieur (HEC) au cours de l'année qui précède la première cérémonie d'octroi des diplômes.

Si le rapport d'audit indique que l'institution d'enseignement supérieur privée ne se conforme pas à la Loi n° 27/2013 du 24/05/2013 portant organisation et fonctionnement de l'enseignement supérieur, en son article 18, l'Etablissement d'enseignement supérieur, est suspendu ainsi que son programme d'octroi des diplômes.

**Article 4: Conditions pour une institution privée d'enseignement supérieur de rehausser un cycle d'enseignement supérieur**

La demande d'autorisation de rehausser le niveau

*Official Gazette n°51 of 23 December 2013*

kuzamura icyiciro cy'inyigisho, nyir'iryo shuri abisaba mu nyandiko Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze.	be made in writing to the Minister in charge of higher education, by the owner of the concerned private institution of higher learning.	d'enseignement supérieur se fait par un écrit adressé au Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions par le propriétaire de l'institution privée d'enseignement supérieur concernée.
Ibaruwa isaba kuzamura icyiciro cy'inyigisho iherekezwa n'inyandiko zikurikira:	The application letter for upgrading to level of teaching shall be accompanied by the following documents:	La lettre de demande de rehausser un cycle d'enseignement supérieur est accompagnée des documents suivants:
1° izina ry'ishuri rikuru, aho rihereye, n'ibyiciro by'inyigisho ritanga;	1° the name of the institution of higher learning, location and education levels offered;	1° le nom de l'institution d'enseignement supérieur, son siège et ses cycles d'enseignement ;
2° inyandiko irambuye igaragaza icyiciro cy'inyigisho giteganyijwe kuzamurwa, intego n'ikigamijwe mu kuzamura icyo cyiciro cy'inyigisho,	2° a detailed document indicating the education level to be upgraded, the mission and objectives of the institution to upgrade the level of teaching;	2° un document détaillé indiquant le niveau d'enseignement à rehausser, la mission et les objectifs de l'institution en rehaussant les niveaux d'enseignement ;
3° urutonde rw'abaturimu, abakozi bo mu buyobozi n'abo mu birebana na tekini bahoraho basanzwe bakorera ishuri rikuru hamwe n'abateganyijwe gukora no kwigisha mu cyiciro cy'inyigisho gisabirwa kuzamurwa hagaragazwa impamyabumenyi n'impamyabushobozi zabo;	3° a list of existing full time academic, administrative and technical staff of the higher learning institution and planned personnel to work for the level of teaching to be upgraded and their qualifications;	3° une liste des membres du personnel enseignant, administratif et technique permanents en place ainsi que du personnel prévu pour le cycle d'enseignement à rehausser en spécifiant leur niveaux de qualification;
4° umubare w'abanyeshuri ishuri risanganywe hamwe n'uw'abateganywa kwakirwa mu cyiciro cy'inyigisho gisabirwa kuzamurwa;	4° an number of existing and expected students to be admitted in the level of teaching to be upgraded;	4° le nombre d'étudiants en place et celui prévu dans les cycles d'enseignement à rehausser ;
5° inyandiko igararaza ingengo y'imari yihariye y'ishuri rikuru izakoreshwa mu bijyanye n'inyigisho z'icyiciro gishyirwaho;	5° a document indicating the allocated budget to the level of teaching to be established;	5° un document spécifiant le budget de l'institution alloué au niveau d'enseignement à créer;
6° indi nyandiko yose yasabwa na Minisitiri ufite	6° any other document that may be required by	6° tout autre document pouvant être exigé par le

amashuri makuru mu nshingano ze.

the Minister in charge of higher education.

Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions.

**Ingingo 5: Ibisabwa ishuri rikuru ryigenga kugira ngo ryemererwe gutangiza koleji, ishuri, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi kirishamikiyeho**

Kugira ngo ishuri rikuru ryigenga ryemererwe gutangiza koleji, ishuri, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi kirishamikiyeho, nyir'ishuri abisaba mu nyandiko Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze.

Ibaruwa y'ishuri rikuru ryigenga isaba gutangiza koleji, ishuri, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi kirishamikiyeho iherekezwa n'inyandiko zikurikira:

- 1° izina ry'ishuri rikuru, aho rihereye, ibyiciro by'inyigisho, imiterere ya koleji, ishuri, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi bisabirwa gutangira;
- 2° intego n'ikigamijwe mu gutangiza koleji, ishuri, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi kirishamikiyeho;
- 3° urutonde rw'abarimu, abakozi bo mu buyobozi n'abo mu birebana na tekini batorera ishuri rikuru hamwe

**Article 5: Conditions for a private institution of higher learning to establish a college, a school, a faculty or an affiliated research institute**

The request for a private institution of higher learning to establish a college, a school, a faculty or an affiliated research institute shall be made in writing, by the owner of the institution, to the Minister in charge of higher education.

The application letter of a private institution of higher learning to establish a college, a school, a faculty or an affiliated research institute shall be accompanied by the following documents:

- 1° the name of the institution of higher learning, location, teaching programs and structure of the college, the school, the faculty or the affiliated research institute to be established;
- 2° the mission and objectives of the institution for establishing a college, a school, a faculty or an affiliated research institute;
- 3° a list of existing full time academic, administrative and technical staff of the higher learning institution and planned

**Article 5: Conditions pour une institution d'enseignement supérieur privée de créer un collège, une école, une faculté ou un institut de recherche affilié**

La demande d'autorisation de créer un collège, une école, une faculté ou un institut de recherche affilié à une institution d'enseignement supérieur privée, se fait par une lettre adressée au Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions, par le propriétaire de l'institution.

La lettre de demande d'une institution d'enseignement supérieur privée de créer un collège, une école, une faculté ou un institut de recherche affilié à une institution d'enseignement supérieur privée est accompagnée des documents suivants:

- 1° le nom de l'institution d'enseignement supérieur, son siège, son domaine, ses cycles d'enseignement et la structure du collège, de l'école, de la faculté ou de l'institut de recherche affilié à créer;
- 2° la mission et les objectifs de l'institution en créant un collège, une école, une faculté ou un institut de recherche affilié;
- 3° une liste des membres du personnel enseignant, administratif et technique permanents, en place, ainsi que du personnel

*Official Gazette n°51 of 23 December 2013*

n'abateganyijwe gukora muri koleji, Ishuri, Ishami cyangwa Ikigo cy'ubushakashatsi gisabirwa gutangira hagaragazwa impamyabumenyi n'impamyabushobozi zabo;	personnel to work in the college, school, faculty or affiliated research institute to be established indicating their qualifications;	prévu pour le collège, l'école, la faculté ou l'institut de recherche affilié à créer en spécifiant leur qualifications;
4° inyandiko irambuye igaragaza icyicaro, ubutaka, inyubako n'ibikoresho byimukanwa harimo ibijyanye n'inyigisho ziteganywa gutangwa n'iryo shuri, koleji, ishami cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi gishamikiye kuri iryo shuri rikuru;	4° a detailed document describing location, land, buildings and movable property including those related to the programmes to be offered by the established college, school, faculty or affiliated research institute;	4° un document détaillé sur la propriété foncière, les bâtiments et les biens meubles y compris ceux relatifs aux programmes à dispenser par le collège, l'école, la faculté ou l'institut de recherche affilié à créer ;
5° umubare w'abanyeshuri ishuri rikuru risanganywe hamwe n'uw'abateganywa kwakirwa muri koleji, ishuri cyangwa ishami risabirwa gutangira;	5° an estimate number of existing and expected students to be admitted in the college, school or faculty to be established;	5° le nombre d'étudiants en place et celui prévu dans le collège, l'école ou la faculté à créer ;
6° inyandiko igararaza ingengo y'imari y'ishuri rikuru ;	6° a document indicating the annual budget of the institution;	6° un document spécifiant le budget annuel de l'institution ;
7° indi nyandiko yose yasabwa na Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze.	7° any other document that may be required by the Minister in charge of Higher Education.	7° tout autre document pouvant être exigé par le Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions.

**Ingingo ya 6: Ibisabwa Ishuri rikuru ryo mu mahanga risaba gufungura ishami mu Rwanda**

Kugira ngo ishuri rikuru ryo mu mahanga ryemererwe gufungura ishami mu Rwanda, nyir'ishuri, abisaba mu nyandiko Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze.

**Article 6: Conditions for a foreign institution of higher learning to establish a campus in Rwanda**

The request for a foreign institution of higher learning to establish a campus in Rwanda shall be made in writing, by the owner of the institution, to the Minister in charge of higher education.

**Article 6: Conditions pour une institution étrangère d'enseignement supérieur d'ouvrir un campus au Rwanda**

La demande d'autorisation d'ouvrir un campus au Rwanda, par une institution étrangère d'enseignement supérieur, se fait par une lettre adressée au Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions, par le propriétaire de l'institution.

*Official Gazette n°51 of 23 December 2013*

Ibaruwa y'ishuri rikuru ryo mu mahanga isaba ko ryemererwe gufungura ishami mu Rwanda iherekezwa n'inyandiko zikurikira:

The application letter of a foreign institution of higher learning to establish a campus in Rwanda shall be accompanied by the following documents:

La lettre d'une institution étrangère d'enseignement supérieur portant demande d'autorisation d'ouvrir un campus au Rwanda est accompagnée des documents suivants:

1° inyandiko yemeza ko ishuri rikuru ikigo gishamikiyeho ryemewe mu gihugu ribarizwamo;

1° the white paper or charter accrediting the parent institution;

1° la charte ou tout autre document accréditant l'institution mère ;

2° inyandiko yemeza ko gahunda y'inyigisho y'icyo kigo yemewe;

2° a document that accredits the curricula to be offered;

2° un document d'accréditation des programmes qui seront dispensés ;

3° inyandiko igaragaza inyubako n'ibikoresho, cyane cyane isomero ririmo ibitabo bihagije kandi bigezweho by'aho ikigo gishamikiye ku ishuri rikuru giteganywa gukorera;

3° a detailed document describing buildings and movable property, especially a well stocked and updated library of both physical materials, within the premises intended for operation;

3° un document détaillé décrivant les bâtiments et autres biens meubles, spécialement une bibliothèque équipée de livres suffisants et utiles du lieu où le campus désire exercer ses opérations ;

4° urutonde rw'abarimu, abakozi bo mu buyobozi n'abo mu birebana na tekini hamwe n'impamyabumenyi zabo bateganyijwe gukora mu ishami rishamikiye ku ishuri rikuru risabirwa gutangira;

4° a list of academic, administrative and technical staff planned for the campus to be established and their qualifications;

4° une liste du personnel enseignant, administratif et technique prévu pour le campus à ouvrir et leurs qualifications;

5° umubare w'abanyeshuri uteganywa kwakirwa n'ishami rishamikiye ku ishuri rikuru ryo mu mahanga risabirwa gutangira;

5° an estimate number of expected students to be admitted in the campus to be established;

5° le nombre estimatif d'étudiants prévu pour le campus à ouvrir;

6° inyandiko igaragaza ibigenderwaho mu kwandika abanyeshuri mu ishami risabirwa gutangira;

6° a document describing the admission criteria in the campus to be established ;

6° un document décrivant les critères d'admission dans le campus à ouvrir;

7° indi nyandiko yose yasabwa na Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze.

7° any other document that may be required by the Minister in charge of higher education.

7° tout autre document pouvant être exigé par le Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions.



*Official Gazette n°51 of 23 December 2013*

Ishami rifunguwe mu Rwanda n'ishuri rikuru ryo mu mahanga rifatwa nk'ishuri rikuru ryigenga mu Rwanda.

**Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 8 : Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 15/11/2013

(sé)

**BIRUTA Vincent**  
Minisitiri w'Uburezi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

A campus of foreign institution of higher learning established in Rwanda shall be considered as a private institution of higher learning in Rwanda.

**Article 7: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 8: Commencement**

This Order shall come into force on the day of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 15/11/2013

(sé)

**BIRUTA Vincent**  
Minister of Education

Seen and sealed with the seal of the Republic:

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

Le campus d'une institution étrangère ouvert au Rwanda est considéré comme une institution privée d'enseignement supérieur au Rwanda.

**Article 7: Dispositions abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 8: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 15/11/2013

(sé)

**BIRUTA Vincent**  
Ministre de l'Education

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux